# 241: Mbes’uriy’ubabaye

1.

Mbes’uriy’ubabaye, Wambay’ibitabutse Birihw amaraso ye, Mutubwir’uw' ari we.
Dor’ukunt'ananiwe N’igiti yikoreye ! Ko yaboshywe nabi se, Ninde kand’aziz’iki ?

2.

Uwo munt' ubay’atyo Niwe Nyir'ubugingo. Ibicumuro byawe Ni byo bamujijije.
We kujarajar’utyo:Sang’Uwagupfiriye; Pfukam’i Gologota, Wihan' ubabarirwe.

3.

Dor’amahw' asongoye Ni yo kamba yam bitswe, Kand’intebe y'ubwami Yabay’ Umusaraba.Mbes’Umwam' ugizw’atyo, Namumenyeshwa n’iki ? Soma ’icyo kirego, ngo Yesu w'i Nazareti.

4.

Umva Yes’avug' ati: Nshuti yanjy’umenye ko Icyankuye mw ijuru ar’ukukubeshaho.Ni wowe mbabarizwa, Bakanshinyagurira. Emera nkurokore, Nkuzuze n’Iman’ubu.

5.

Ndakwihaye, Krisito, Byos’ubimbabarire, Umpumur’umenyeshe Imibabaro yawe.Non’ inzir’undangira Niyo nzajya nyuramo, Nger’i Wawe mw ijuru, Nzahore ngusingiza !

Visit us at indirimbo.com